REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO Y'UMUCO

## INDIRIRARUGAMBA MU NGANZO

# IMIVUGO

2021

**© Inteko y'Umuco, 2021**
Agasanduku k' Iposita: 6397 Kigali

Uburenganzira bwose burakomye. Umuntu wese uzandukura, uzafotora, uzakoresha ubundi buryo bwose bugamije gucuruza iki gitabo azahanwa n'itegeko rigenga umutungo bwite mu by' ubwenge.

ISBN: 978-99977-787-4-1

Icapwa rya mbere: 2021

## ISHAKIRO

Ijambo ry'ibanze....4

KWIZERA Emmanuel, ***Inzira y'umurimo***....7

NZITAKUZE Donatha, ***Isoko iduha umugati***....10

MUSANABERA Rachel, ***Kunda umurimo***....13

UFITINEMA Déogratias, ***Imbaduko y'ubugiri***....16

UWAMBAJIMANA Adelphine, ***Umurimo***....19

MFITUNKUNDA E. Chrysologue, ***Ipfundo ry'ubupfura***....23

KUBWAYO Léondrie, ***Umuco w'ubupfura uraturange***....26

IKAMBA Amen Divine, ***Dore umuhuza w'abanyarwanda***....30

HAKIZIMANA Couronne Gloria Patri, ***Ibanga ritumye mpanga***...33

UKUNDISHYAKA Aline, ***Bumwe butajorwa***....36

MICOMYIZA Clément, ***Kunda u Rwanda ni cyo gihango***....40

NIYIGABA Manzi Fabrice, ***Kundwa kirezi kera***....43

BYIRINGIRO Thierry, ***Gihugu kiza***....46

INSHUTI Bertrand Aristide, ***Ikineza Igihugu cyacu***....49

ISHIMWE Peace, ***Nawe birakureba***....52

Umusozo....54

## Ijambo ry'ibanze

Inteko y'Umuco ifite intego nkuru yo kubungabunga no guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda, Umuco n'Umurage by'u Rwanda. Muri uwo murage, Ikinyarwanda nk'ururimi rw'Igihugu rukaba n'ingobyi y'umuco gifitemo umwanya w'imena. Ni ngombwa ko abakiri bato batozwa kunoza imikoreshereze y' ururimi kavukire biciye mu buhanzi bwubakiye ku muco, by'umwihariko ubusizi.

Ibihangano bikubiye muri iki gitabo bikomoka mu marushanwa y'urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye rwiyumvisemo impano yo gutanga ubutumwa mu Banyarwanda bugamije kwimakaza Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda rwifashishije inganzo y'ubusizi. Imivugo 15 ikubiye muri iki gitabo ni iyahize iyindi muri 520 yoherejwe mu irushanwa. Abanyeshuri bahize abandi ni abo mu bigo by'amashuri bikurikira: Seminari Nto ya Mutagatifu Lewu-Kabgayi, Muhanga (2), TTC Save, Gisagara (2), ENP/TTC Kirambo, Burera (1), Collège Ste Marie Reine de Kabgayi, Muhanga (1), G.S. Nyamirama, Gatsibo (1), IPRC Karongi (1), Seminari Nto Virgo Fidelis, Huye (1), G.S NDBC Byumba, Gicumbi (1), FAWE Girls' School Gisozi, Gasabo (1), GS St Aloys, Rwamagana (1), G.S. Musebeya, Nyaruguru (1), TTC Rubengera, Karongi (1), GS Musambira, Kamonyi (1).

Ururimi nk'umurage ndangamuco rugomba guhabwa agaciro cyane cyane mu bakiri bato kugira ngo bakure barukunda, banamenyere kurukoresha mu buryo bunoze. Bumwe mu buryo bwo kubatoza uwo muco no kubaha amahirwe yo kugaragaza impano yabo ni amarushanwa. Ni n'inzira kandi yo guteza imbere ubuhanzi mu rubyiruko.

# UMURIMO

Inteko y'Umuco ifite gahunda yo gukomeza gukoresha amarushanwa nk'aya ku Kinyarwanda n'ubusizi, kugira ngo irusheho gushishikariza Abanyarwanda kugira ishema ryo gukoresha neza ururimi kavukire rw'Ikinyarwanda no guteza imbere ubuhanzi bwubakiye ku muco; ababigezeho kurusha abandi bakabishimirwa. Ubu ni uburyo bwiza bwo gutera ishyaka abataritabira umugambi rusange wo kubaha no gukoresha Ururimi rw'Igihugu ku buryo bunoze mu ngeri zinyuranye.

Inteko y'Umuco irashima urubyiruko rwitabiriye aya marushanwa, abarimu, abayobozi b'ibigo n'abandi bose baborohereje kuyitabira.

Nibabere abandi bahanzi urugero mu gukoresha inganzo yimakaza Indangagaciro z'Umuco w'u Rwanda.

**Amb. MASOZERA Robert**

**Intebe y'Inteko**

## INZIRA Y'UMURIMO

Ikivi natangiriye iyo mu nda
Mvutse nsanga ndi Kanyarwanda
Ntozwa umurimo nanga umwanda
Mparana nshaka icyampa kwanda
Amazina nterurwa Nkunzurwanda.

Nararukoreye ubutiganda,
Dore uko byaje kugenda:
Imbonezamihigo wari utegetse
N'ingoga rwose yari aregetse
Ubwo ndacana haba ubushyuhe

Ndikamata nshaka icyabuze
Ngo inkike zose zizihire ishya.
Narayiyobotse inzira yo kwiga
Sinitaye ku bampiga
Negura umwiko ngana imyuga

Ubunebwe ubugwari ndabihunga
Kuko nshaka kuba ikirenga,
Ngo nange nzubake ayo amateka.
Ijoro n'umunsi sinagohekaga
Nakoze cyane iyo bwabaga

Ngasenga nsabira abanyangaga
Imirimo yose narayikoraga
Iya gitore sinayirengagaga
No kumasha narabikoraga
Bikandanga ingoga n'imbaraga

Ibyiza mbigira akamenyero
Ubwo kwishima mbigira intero
Duteruye amahoro n'amahoro
Ngo twisige ubumwe n'umwero
Tugakorera hamwe nk'igitero

Twese tukaba intangarugero.
Yego twese turi abantu
Ikiruta byose ni ubumuntu
Nsanga rwose kugira ibintu
Ari ubufatanye bene muntu

Butimirwa bagira ubuntu
Ruremabintu agakora ibintu.
Sinzaheranwa n'amabwire
Bazajya babitema ntere
Nuje imbabazi nsanga imbabare

Utishoboye muhe yishoboze
Intero ya bose ari ubukire
Amahanga arebe biyayobere.
Nge nasanze kwiteganyiriza
Bigira imirongo ukurikiza

Ubwo ukaba intore y'imbanziriza
Abantu bahora bizihiza
Mu ntambwe wahoze ugerageza
Ngo uzagere ku byo wifuza.
Inama imwe gusa nababwira

Muritoze kugira ubwira
Imirimo yose urakore udakosa
Wirinda kuba bakorandora
Kandi dufite ubwenge bukora,
Ngiyi intambwe izakuyobora.

Niba ukereye umurimo koko
Iyo bugikenkemura mu nkoko
Ukore cyane no mu gitumbiko
Wuzuze ubutunzi ububiko
Ngo inkono yawe ihore ku ziko

Ni byo bigukomereza ubugingo.
Munebwe rwose reka ibyo urimo
Ahubwo wibande ku murimo
Bigukundishe igihugu urimo
Uzakurinda urenge imivumo

Bigukure iyo mu buvumo
Bigutere mu byishimo.
Mu butumwa ihute kugerayo
Kandi wirinde guherayo
Ube nk'umwambi kuraswayo

Naho inzira yasarikana isayo
Twaza ugende unagerayo
Imana ni yo izagukurayo.
Igihe kigeze ukajya guhaha .
Muntu uratandukane n'iraha

Ku by'umutungo urajye ufuha
Gusa wibuke kugira abo uha
Kandi  wirinde ibihuha
Buriya bizana umushiha.
Nujya gucunga amafaranga

Ntukabe gica ku bw'ifaranga
Ineza iganze mu bikuranga.
Maze niwumva bagucuranga
Bizahera mu by'uburanga
Ucunge bitaguta ku manga.

Wubahe uwo murimo wose
Imbere iyo ujya ntuhazi hose
Reka noneho dukore byose
Tubwirinde ubunebwe rwose
Ni byo byatugeza kuri byose

Bidukuye mu bukene bwose.
Duhaguruke mu kurwananaho
Ibyo tuzunguka tubigeraneho
Ni bwo iterambere ritugeraho
N'ibidutanya tubimarireho

Iyi si dutuye tuyirambeho
Twishimye bimwe by'ihoho.
Burya inkingi imwe ntigera inzu,
Umuntu wese azanye umusanzu
Igihugu tucyubakanye ubwuzu

Tukagicira n'icyo cyanzu
Tukirinda mbese nka Ruganzu
Ahari inshabari hage umushanana.
Kubigeraho ibyo ni imishinga
Imwe itaringanizwa baringa

Mbese nko korora no guhinga
Iyo kuririmba no gucuranga
Dore ubukorikori no guhanga
Byose bizana amafaranga.
Bikaboneka wiyushye icyuya

Si byiza ko biva mu buraya
Dore warakoze si ibyo kwaya
Tubicunge nk'Abanyaburaya
Duhirwe dutunge tutunganirwe
Maze dukomere nka ruvakwaya.

No kubigeraho ga si ubusazi
Ni ugushirika ubute nk'isazi
Ukaza wemye ubaza ibyo utazi
Wanga umwaga nk'uw'umwanzi
Ubupfura wibucura ayo mazi.

Hose utanga ubutabazi.
Gukunda igihugu biduhoremo
Gukorera mu bumwe tubihoremo
Dushengere ubupfura n'umurimo
Bucye tubyambare ubutatuvamo

Tukamenye agaciro k'umurimo
Iyo nkuru isakare by'uruhamo.
Komera ku murimo wawe ukora
Naho wakomwa mu nkokora
Imana yawe izakurokora.

***KWIZERA Emmanuel***

## ISOKO IDUHA UMUGATI

Rudatenguha abawisunze
Rwa mpamyamihigo nyiri imigambi
Mirindi y'igamburuzabutindi
Intwaro itunga bene muntu
Mu rugamba nkenyabutindi
Mu ruhando nderamurava
Uyisunze ibi by'imvaho
Ikamukura iyo mu ivundi
Ikamutera iyo mu itaji
Utayitwaje ubwo akaba ivumbi
Ni umurimo si indi ntwaro
Ni yo soko iduha umugati.

Umurimo i Rwanda kuva na kera
Ukoranwa umwete nta muvundo
N'umuvumbi uza ku ihangu
Umurimo uhangamura icyo cyago.

Burya ibigwari biribeshya
Ngo ibiro byera akazi karyoshye
Impapuro ngako akazi rukumbi
Ubudahaguruka ubutaruhuka
Ukwezi kwashira bagahembwa
Nyamara ngewe si ko mbireba
Umurimo wose ni uw'ingenzi
Mu kuwukunda utawitesha
Ni byo bihesha imbehe nziza.
Gukora ni kare ubimenye nawe
N'inyoni ubwazo ntizikiryama
Nko mu ruturuturu rw'igitondo
Ziba zivumbutse iyo mu byari
Zijya gushaka ibyazitunga
Iyo zigutanga kugera hanze
Zitagusumbya kugira ubwenge
Ubwo bugwari iwawe ukeje
Uzabutura nde hano i Rwanda ?
Korana umwete akazi wahawe
Gukora ni kare ukora ibikwiye.

Nge ngaya cyane ingayamurava
Bakora akabo nk'abagahaze
Hagati yabo ngo karushya ishaka
Bosi yaza ngo imvura iraje
Bakora byose banihenda
Bacunga ijisho batishimye
Nyamara kandi iyo ugenzuye
Uwayibahaye inkeshwandonke
Yayibahaye bamwinginga.

Rubyiruko mwese ni mwe mubwirwa,
Kuki mutinya ako k'ubuyede
Ngo imbaraga zanyu zisarurwe
Mukanga rwose umurimo nk'uwo
Utunze benshi kugeza n'ubu
Mushaka ibiro mwanga kwiga?!

Mukunde ishuri ubwo ntimuziba
Ngo ejo hazaze mufite utwanyu
Nkomeze inganzo nkibibabwira
Ko ari mwe u Rwanda ruteze amaso
Ko ejo hanyu ari mwe hareba
Muri ibango u Rwanda rw'ejo
Mukunde umurimo ni urutindo
Rw'ejo kandi nta gihombo.

Imbaraga zanyu ni cyo gishoro
Kurera amaboko si umurato
Kubura umukoro si ubumuntu
Gukora rero ni bwo bugingo
Dukore umurimo tutijana
Ni yo soko iduha umugati.

Bangavu namwe birabakwiye
Mwegutinya bitabakwiye
Na mekanike mwayibasha
Mwaba geshi nta na menshi
Inzego hirya yewe nyinshi
Z'imirimo yose ya hano rwose
Zakubera nta rubanza!

Kunda umurimo uzanakundwa
Urawukunde umenywe na bose
Kunda umurimo wawe cyane
Reka urugomo umugono uwange
Umurimo wose uwuhe umurongo.
Umurimo wose ni Mutabazi
Nk'igihe wakozwe nta bugwari
Niyo waba ucukura urwiri
Cyangwa wenda ucunga imari
Cyangwa rwose utera irangi
Byagutunga ntuce ishati
Byakurinda no gusega
Biboneka rwose bya gisenzi.

Murimo mbyeyi y'abo utunze
Ibyiza byawe bizwi hose
Ukaba n'ibanga ry'abagutunze
Izahabu ubitse iyo turayizi
Itunga neza uwabize icyuya
Ikamara inyota uwagize icyaka
Iyo uwuhembewe ukoze umunsi
Cyangwa wenda umaze uko kwezi
Wagutunza ukaba umutunzi.

Gukora neza kandi cyane
Ni byo bibyara urugero nyarwo
Rwadutera guhimbarwa
Dukora cyane tutijana
Naho ubugwari si umurongo
Uzana amaronko iyo mu ngando.

Mbonye inama yewe mwumve
Ugize amahirwe yo kuwuronka
Awukore neza ni wo muronko
Ni wo murunga uzirika iminsi

Ukaba nk'inyundo ihonya ubutindi
Uwo utayitunze azira kuramba
Uwayitwaje akamara iminsi
Umurimo iwacu wo nuganze
Iyo ukozwe neza uko binakwiye
Uguha ibyo byose nta cyo ukwimye
Umurimo uganze urwa Gasabo.
Ngaho twese dukore cyane
Tubone kashi dusibe ideni
Mu bushoferi no mu bufundi
Mu by'ubuhanzi no mu buhinzi
Mu bumotari no mu bunyonzi
Mu budozi no mu buvuzi
Iyo mu bubumbyi no mu bubaji
Mu bukarani n'ubusemuzi
Uko uwuhawe wuhe igiciro
Wukore neza ubone agaciro
Amaherere naza weme.

Ndabona rwose igihe kirenga
Mbuze uko ndata umurimo wange
Ngo nywuririmbe ubutawuremba
Ndanze rwose mbuze uko ngenza
Umurimo wacu mvo y'ubukungu
Iyo wawuranzitse uwitesha
Uragucika ukagana abandi
Iyo mu batindi bota ihangu
Iyo tuwukunze tuwisunga
Duta ubutindi bukaduhunga.

Ndakuririmbye murimo wange
Ni wowe soko iduha umugati.

***NZITAKUZE Donatha***

## KUNDA UMURIMO

Nteruye ntewe ishema n'isheja
No kubabwira igitumye nshinga
Ngashira ubwoba nkavuga impamvu
Yo kuba intore ibarusha intambwe
Ukaba na Rwesamihigo w'ejo.

Umurimo ngiye kuvuga none
Ni wo uduteza imbere mu bandi
Iyo ukozwe neza ukanozwa cyane
Utugeza heza tutibwira
N'ikizere kikaba cyose.

Umurimo kandi iyo ukozwe neza
Ni wo udutuza iyo mu mutuzo
Ukugira umwami w'ibihe byose
Ukanakurinda kugwa mu moshya
No kuba icyasha mu bo mubana.

Umurimo kandi unogejwe neza
Uguha agaciro mu bo mubana
Ukaguha insinzi y'abakurwanya
Maze ubutunzi bugana inyenga

Bukaba intero y'ibihe byose.
Iyo ukora neza ugahora ushimwa
N'ikizere kiragusaga
Maze amahirwe agahora iwawe
N'abagushaka bakaba benshi

Mu by'ubutunzi naho ukagwiza.
Si wowe kandi gusa bihira
Umurimo mwiza unogejwe cyane
Ugirira benshi umumaro mwinshi
Inyungu rusange zikaba zose
Igihugu cyawe kikaba icyatwa.
Umurimo kandi unogejwe neza
Unageza heza igihugu cyawe
Inyubako nziza zihiga izindi
Uburezi bwiza bugera hose
Icuraburindi rikagihunga

Umucyo ugakwira igihugu cyose
Ubukene bwose bukagihunga
N'abagituye babona byose
Ibyiza byose bikagihunda
Ubuzima bwiza bukabasaga.

Igihe cyose udakora neza
Ubukene iwawe buzaganza
Uzitwa intati n'icyomanzi
Amazina yose aya adafututse
Azaba iwawe nk'ibiryo byawe.

Uzitwa Bihemu Baryutwabandi
Karyamyenda Kanyamadeni
Maze uzerere wabuze aho uba
Usigare ushinze utagira intaho
Nk'imibu itaha iyo mu bigunda

Intego zawe zizatabwa
N'ishema ryawe rizatuba
Ubwo ute agaciro mu bo mubana
Amahoro yawe abe araguhunze
Usigare utindahaye mu bandi.

Igihe uzaba umunebwe byumve
Ukamera nk'aho bitakureba
Ibyo bakubwira ubifata ni ayo
Ntuzatunga ngo ugire ihirwe
Kuko icyo utanga ari na cyo uhabwa.

Ubwo uragenda ukagwa iyo ngiyo
Ukamera nk'aho utagira abawe
Kuko watinye kuvuga intwaro
Umurimo mwiza ukugeza aheza
Reka iyo ntwaro ibonerwe umwanya.

Ubwo urabwirwa ko bidakwiye
Kubona wanga umurimo wawe
Ugira ngo ahari hari abakwanga
Nyamara ubwenge ubwo buragiye
Ubwo uhore ugenda utagira iyo ujya.

Ese mugenzi ubwo ibyo wabwiwe
Kugera n'aho batagushaka
Uzira kutimika ubwo butwari
Umurimo mwiza ngo ugezwe hose
Ubwo urashaka iki nyakubyara?

Fata iyo ntambwe Igihugu cyose
Unabaze neza barakubwira
Upfa kuba wumva ibyo bakubwira
Bakagutera umutima mwiza
Maze ugakunda umurimo wawe.
Umurimo wawe ni wo ugutunga
Ukanagutuza ukabona ituze
Guhora iteka bashyashyana
Umurimo mwiza ukagezwa hose.

Ese mugenzi ko bitagoye
Nyamara kandi ko binakwiye
Ko ukora neza umurimo wawe
Uzigama ifunguro ry'ahazaza
Mu gihe uzaba ukubwe n'ubwire.

Shyiraho umwete ku cyo washinzwe
Ugire umurava mu kazi kawe
Ni biba ngombwa ushyiremo ibyawe
Umurimo wawe uwunoze rwose
Maze ube intore ibarusha intambwe.

Ubumenyi ukura iyo mu mashuri
Nibukubere imbarutso nziza
Ubwo uhore uhanga umurimo wawe
Udateze abandi bagukoresha
Uhorane ituze mu kazi kawe.

Rubyiruko namwe birababareba
Cyo nimukunde umurimo wanyu
Imbaraga zanyu muzikoreshe
Munazitange mutiganda
Kuko ari mwebwe ngabo y'isonga.

Haguruka none ejo si ahawe
Ikivuzwe cyose ugihe agaciro
Kuko kibumbiyemo ubuhanga
Bufasha uhanga kuba umuhanga
Agahora ahanga ibiruta iby'ejo.

Dore ejo hawe ni wowe ubwawe
Gerageza rero uhagire heza
Ukorane umwete uzigama iby'ejo
Hato utazabura ugutabara
Mu gihe uzaba ukubwe n'ubwire.

Ibishya bije ntibigutware
Nibikubere ibyo gukoresha
Uboneza neza umurimo wawe
Ubwo bikuviremo inyungu nyinshi
Aho kukubera inzitizi cyane.

Muhashye rwose ibyo bibasenya
Ibiyobyabwenge mubice iteka
Byo bibatera kuva mu byanyu
Mukanatakaza ayo mashuri
Mukaba ibyohe by'ibihe byose.

Mufate ingamba zihamye rwose
Mube umusemburo w'ubukungu
Igihugu cyanyu kigere heza
Kuko ari mwebwe mbaraga zacyo
Muhore mwubaka mudasenya.

Mu bumwe twese tugane isoko
Abakuru namwe mutube hafi
Muduhe inama turazishaka
Umurage mwiza uyu w'ubutwari
Ni wo dushaka nk'abato iteka.

Ndasaba Imana yo igaba ibyiza
Ngo ibabe hafi mu kazi kanyu
Imbaraga zose izibahe rwose
Ihorane namwe amajya n'amaza
N'inzira zanyu izinoze iteka.

Mureke nanzurire aha ngaha
Mbasaba mwese guhora iteka
Munoza neza imirimo yanyu
Rugaba utanga imigisha yose
Abahore hafi mu bibagora.

Yari umuhanzi uyu w'umuhanga
Ufite ubuhanga bwo mu nganzo

Buzira inenge, buzira icyasha
Iyampanze nge ndayishima
Mugire Imana n'amafaranga.

***MUSANABERA Rachel***

## IMBADUKO Y'UBUGIRI

Ngannye inganzo ngamije inganji
Nteruye intero yuje inama
Mboneje intambwe iboneje intero
Ikaba intero imwe ya Gihanga,
Dore intsinzi ikeba ubutindi.

Umva iyi nama kara k'u Rwanda
Mparira inganzo nguhe impanuro
Nkurage intwaro idatsimburwa
Mbaduko y'ubugiri n'ubugingo
Ni ingirakamaro mba nkwanga!

Abayitwaje baratsinze
Abayihunze barazonzwe
Ntitenguha ku rugamba
Kandi izirika n'iyo mitaga
Ni umurimo uyu umwe udutunze.

Kunda uwukunde nshuti yange
Kunda uwukunde ukunde u Rwanda
Kunda uwukunde ukunde Rugira
Kunda uwukunde urakuramira
Kunda ukubere akabando k'iminsi.

Abawimikaje baratuje abawimakaje
Baratuye baratekanye
Nta kabuza bateye imbere
Bati: "Ni ubuzima ndahiye data"
Begere baguhe impanuro.

Erega uranadusirimura twese
Tugasusuruka ubudasigana
Tukitwa abakozi ingero indatwa
Aho kutwita insigarabyaro
Ari byo kubeshyera n'amateka.

Umurimo si uyu utugira ibyohe
Ni umwe uvomwa ubuzi bwacu
Iyo tuwutatse dufite intego
Ni wo utubera indango nziza
Tugasigasira ishema ryacu.

Ubamo myinshi inyuranye cyane
Isaba iz'umubiri n'iz'ubwonko
Ngibyo kubaka no kubaza
Ari uguhinga byo no gutwara
Ababimenyereye murabizi.

Umuhinzi ahinge akera keza
Ucuruza atange acure ifaranga
Muganga avure ubuzima bwame
Ingabo zikeshwe umutekano
Nange nti: "Ganza murimo mwiza."

Ngiyi kandi isaba iz'ubwonko
Isaba ubuhanga bwa Gihanga
Twita ubw'ikoranabuhanga
Guhanga byose no kuririmba
Tukanavumbura n'ibishyashya

Kugena imigambi ya buri munsi
Na za gahunda twese twumva
Minisitiri ati: “Ni byo ibikwiye”
Mwarimu ati: “Uburezi ubukwiye”
N’abanyenganda ntituhatanzwe.

Umurimo twese biratureba
Tugane abatugenera impanuro
Amahirwe ntiyagusanga uryamye
Kandi iy’ubute igisebe ntirya
Abakunda umurimo ni bo bahirwa.

Uraduhuza ukanatubumba
Tukaba umwe twese boshye abonse
Rimwe ry’impanga zikura neza
Ukatubera ubumwe bupfundo
Inshuti iruta inshuro mbibabwire.

Ubwo twari amatsinda ubutane
Umurimo uraza uba uraduhuje
Utubera inzira y’ubwiyunge
Ubumwe bwacu bukaduhuza
Amahoro iwacu agasagamba.

Murimo ni nde utazi akamaro kawe?
Uwo aba yigiza nkana rwose
Ubunebwe wese bukamuzonga
Uwo mwanzi uzira kuramba
Nyamwangabirama iyo biva ukanga

Ni gute rwose uhunga umurimo
Amaramuko yacu tuyawukesha?
Murage w’ubugiri n’ubugingo
Kandi rwose ugakunda kuramba
Ni wowe utuzirikira iyi mitaga.

Umurimo uraguma twe tukaramba
Abawimakaje urabatunza
Iminsi ikicuma bagacunda
Ndavuga ingoboka muzi mwese
Ihabwa abasahuwe basaza.

Niduhaguruke dushwekure
Dukore kandi dufite intego
Ibiburamumaro tubyirinde
Umurimo ni utanga umusaruro
Kandi ushaka inka ni ko aryama.

Mureke twigire Banyarwanda
Gutega amaboko ntibidukwiye
Ntibatumara imbeho abadutiza
Umurimo wawe uwukore neza
Indi mishyashya yo unayihange.

Dore inama isumba izindi
Mu byo hanze mwegutwarwa
Ngo bibatware umutima wanyu
Bibibagize umurimo umwete
Ni mwe rubyiruko ni mwe mubwirwa.

Turi imbaraga ibyo murabizi
Z'Igihugu cyacu ubu n'ahazaza
Kandi uhunze umurimo nawe
Ubwo isi ikwigabiza ikugasha
Wayikekaga impuhwe ndende?

Reka nkubwire naguhanura
Unenga umurimo nkawe
Aho kuwusingizanya umurava
Ngo awurinde guta agaciro
Nta gisubizo azahakura.

Mukozi muvandimwe unteze yombi
Umurava, umwete birakurange
Umurimo utoshye ni wo ukurambya
Ubushake n'umutima bikajyana
Umukozi ni uwo ni we dushima.

Ijabiro muzi haguma Imana
Nge ingume yange ni iyi nganzo
Ngumane ijambo jabo ngukeze
Nkomeze ncyahe nkebure twese
Cyane cyane abanebwe bizwi.

Mbe wizeye ute aho hazaza
Udakora ngo wiyuhe n'ako kuya?
Umurimo ugendana imbuto zawo
Umubyizi utanga umusaruro
Tuwutega iminsi bikaba iteka.

Umurimo hose bavuga iteka
Indangagaciro yo kuwukunda
Niturange aho turi hose
Twigire twubake ubu n'iby'ejo
Mu Rwanda rwacu twe twifuza.

***UFITINEMA Déogratias***

## UMURIMO

None Imana ingabiye inganzo
Ngo nshire impumu nshire igihunga
Ngo nterure ndate umurimo mwiza
Noye gutatira uwo musingi
Umwe udutunze twese muzi.

Waraduhuje uduha kuganza
Mu bumwe bwacu uduha guhirwa
N'ubusabane mu Banyarwanda
Ibyo gusabiriza turabitsinda
Uwo ni umurimo wokaramba.

Uwo udushinga kubaho neza
Ukadutera ishema mu bandi
Ukaduha inganji ubuzima bwose
Ukadushingana igihe cyose
Tukaba indatwa aho turi hose.

Singutaka bimwe bisanzwe
Sinkabiriza gisizi rwose
Si n'amagambo ngo ngushyeshyenge
Ndavuga umurimo ubutiganda
Nyina w'iterambere rirambye.

Ari umuhinzi ari n'umuhanzi
Ari umutegarugori n'umuganji
Ari umuhungu ari n'umukobwa
Umurimo mwese ubu urabareba
Tuwukore neza uzadutunga.

Wukore neza ukorane umwete
Umurimo wawe ntiwinube
Ubutiganda ukore ubikunze
Uwuhe agaciro uwunoze neza
Ni wo uduhangamo ikizere.

Umurimo muzi si amagambo
Si amatiku si amateshwa
Si ubusambo si ubusinzi
Si uburara si uburaya
Ni ugukoresha imbaraga zacu.

Igihe cy'umurimo niba kije
Baduka ubyuke ureke gutinda
Ibitotsi n'imbeho urabitsinde
Ntibikugashe ngo uryamire
Burya ubukungu bugira imvano.

Niduhagurukire rimwe twese
Twubake u Rwanda igihugu cyacu
N'ubumwe bwacu aho turi hose
Mu mirimo ihuza ab'ingeri zose
Uwawe ni ishema urusha abandi.

Banyarwanda ntawuhejwe
Rubyiruko kandi Rwanda rw'ejo
Imirimo twese turayihange
Tureke kumva ibiva iw'abandi
Dukore twese dushize amanga.

Tugire imitungo idatatanya
Dukoresha neza imbaraga zacu
Dushinga  impuza mu Banyarwanda
Dukunde umurimo ukwire hose
Udushya tugwire umurimo uganze.

Umurimo twese ni wo musingi
Ushishikarirwe na buri wese
Ni na wo shingiro muri byinshi
Ukaduhuriza mu rukundo
Ukaturinda ubuhemu rwose.

Gukora cyane nibiturange
Kwigira twese bikaba intego
Ku Banyarwanda bikaduhuza
Bikaduhesha ishema imahanga
Umugayo ukangwa tukawutsinda.

Umurimo ni umuco Banyarwanda
Abawutoye barawutoza
Bakabatangaho ingero nziza
Bakaba indatwa imihigo yaje
Bakahaserukana ishema bemye.

Niba ugiye mu kazi kawe
Kwiganda byo ubyirinde
Ugandure ibigandaye
Ugaragaze uwo muhate
Maze amajyambere abe karande.

Utojwe umurimo azira igihunga
Azira guhunga ibibazo bije
Ahinda icyago n'icyagane
Aharana yesa imihigo yose
Maze agashinjagira gitore.

Mubyeyi na we ni wowe ubwirwa
Toza abawe umurimo mwiza
Unababera ingabo y'isonga
Unabarinda ubwo bwigunge
Ubakundisha gukora neza.

Si ikinegu oya gukora neza
Si n'ubusembwa bwogasendwa
Gukora neza ni n'ubutwari
Bukanadutoza gusabana
Tukaba intore iboneye rwose.

Nituwutoze abo badusanga
Tubakirane n'urugwiro
Uwo musingi nituwukunde
Dutere intambwe tugana heza
Uwo ni umurimo ndawubatuye.

Umurimo wawe uragutuza
Ugatura ugatekana
Ugatuma uhirwa ukaba icyo ushaka
Ukakugeza hose aho wifuza
Ukabaho neza unatekanye.

Izihirwe shenge ushire agahinda
Uzire guhindana n'ibihinda
Ukore utunge ureke gutinda
Maze ubutindi bushire iteka
Ishema ryawe rikure iteka.

Ubwo bukungu nibukurange
Ube ku isonga kwa Gihanga
Uhange uhangamure ubutindi
Maze usamaze abakozi bose
Uhe agaciro Igihugu cyacu.

Dore ibiranga umurimo shenge
Ibikorwa byiza birawuranga
Uwo murava n'ubwitange
Ubwo butwari n'ubushishozi
Ni wo musingi w'ejo heza.

Ukaturinda ipfunwe mu bandi
Ukadutera ubupfura iteka
Ukaduhesha ishimwe iteka
Tukishimira iyo mishinga
Ukaba ishingiro ry'ubukungu.

Ari abafundi ari abayede
Ari abarezi ari n'abavuzi
Nidukore neza tutinuba,
Tubikundishe n'abadusanga,
Tube indatwa aho turi hose.

Burya iyo ukunze umurimo wawe
Biraguhira bikagutunga,
Inyungu zawo zikagusaga,
Ugasanganizwa amashimwe,
Ukabaho neza nta gusonza.

Ugasanganizwa amashimwe
Ukabaho neza nta gusonza.

Guhitamo neza byo ni ingenzi
N'ingeri yo kwigeza ku ntego
Ni ingingo yo kwitunga
Kwigira byo bikaba intego
Dukesha umurimo wo karamba.

Nukomeze uduhe umusanzu,
Utubere umusingi mu kwiyubaka
Uduhe ubutwari dute ubugwari
Maze dukore imirimo y'ubutwari
Amajyambere agwire iwacu hose.

Cyo Banyarwanda nshuti z'u Rwanda
Nawe wese uje kurutura
Hanga umurimo uhashye ubutindi
Uzane umuganda nzane umusanzu
Tubihurize hamwe twese.
Twubake twese ubutiganda
U Rwanda rwacu rw'ubu n'ejo
Ishyaka ryacu ryo n'umurava
Nibiturange aho turi hose
Bityo dutambe ishema n'isheja.
Maze ubukene bukendere
Maze ubukungu bwime hose
Turuture dutekanye
Tubikesha imirimo yacu.

***UWAMBAJIMANA Adelphine***

# UBUPFURA

## IPFUNDO RY'UBUPFURA

Mbega ni iki upfunyitse pfundo
Ko mbona upfumbatiranywe ubwuzu
Ukaba nta n'umwe ugupfobya
Abato n'abakuru bagutunze
Nkabona nta pfunwe bibatera?

Dore warimye kandi uremye
Uri mu biganza by'abagutunze
Abatagutunze nta mutuzo
Bitotomba by'ubudatuza
Bati: "Tugushije ishyano rwose".

Mbega ni iki upfunyitse pfundo?
Ni iki kandi upfunyitse rwose
Gituma bose bakwigomba
Bakagutoza n'abato babo
Kuva mu bwana iyo mu mavuko
Bati:" gutunga wa mutungo
Ugatekana by'agahebuzo
Umutima utunze utagira icyasha
Ni ugutunga na  rya pfundo
Iryo ridatera ipfunwe uritunze"
Mbega ni iki upfunyitse pfundo?

Cyono mbwira ikintu pfundo
Cyaguteye kugera i Rwanda
Ukaba ikirango cy'abarutuye
Bakagupfumbata mu gipfunsi!

Mbwira bupfura bw'ipfundo
Ngo nkwigombe nkugundire
Nkugire inkingi uze ube iya mwamba
Maze nkubwire n'abato bose
Bamenye ibyawe bakwisunge.

Mbega mwana uri mu ishuri
Nawe murezi urera abatoya
Mbe muhinzi urimo guhinga
Nkubaze nawe ga mucuruzi
Mbese muzi iby'iri pfundo?

Ndaje ndate uyu muco wacu
Ndaje icyatwa cyo mubaratwa
Ndaje icyuzuzo cy'umutuzo
Ndaje umwana w'Umunyarwanda
Maze nkubwire iby'iri pfundo.

Ryitwa ipfundo ubupfura i Rwanda
Ririmo ubupfura ntimirwa
Ririmo ubwuzu ubu mbukubwire
Ririmo ubwiza buzira ubwange
Rikaba umwuzuro w'urukundo.

Niba ushaka kumenya ibyaryo
Uhawe ikaze mu rw'igihumbi
Utubaze icyatumye tuba indatwa
Tukaba indangamirwa imahanga
Tukaba inkundwa
iyo mu misango.

Ni uko twamenye icyo dashaka
Dufata ingamba zo kwihuza
Tuti: Umutungo ni rya pfundo
Rimwe ry'ubupfura bumwe bwacu
Ubu ni ikirango cy'abarutuye."

Ubucakura bwose twaratayе
Duca amacakubiri mu Rwanda
Mu muco wacu ico riracibwa
Ururimi rwacu rw'Ikinyarwanda
Ruraduhuza dukora ibyiza.

Indangagaciro ubupfura iwacu
Imfura musangira itagushiha
Imfura mugenda intambwe ihuje
Mugirana ibanga ubwo ikarizika
Wapfa kandi ikarera abawe.

Ngiyo inyamibwa ikwiye u Rwanda
Ikaba icyatwa cyo mu baratwa
Ikanaba icyuzuzo cy'umutuzo
Nguwo shenge uwo Munyarwanda
Ni we wahawe intebe i Bukunzi.

Nguko kandi uko Abanyarwanda
Tugira ubupfura ipfunwe ritinya
Tuba inyabutatu izira icyanzu
Tukisanga urwa Gasabo
Turuha amahoro ruba amahire
Turema u Rwanda ruzira urwango
Turema urwuri turimo twese
Tugana urwimo tugira urweza
None rwizihiwe n'abarwo
Rurasusurutse ntirusuherwa.

Twagize ubupfura budashonga
Dusasa isano turuha isura
Dusana byose rurasagamba
Ubu abarusura barisanga
Abanyamahanga bahaca ingando.

Isari yatezaga ubwo busambo
Turayisarika dukora twese
Duca ubunyanda buranyonyomba
Mu bumwe bwuje ubupfura bwinshi
Buhora iteka mu muco wacu.

Ibikorwa remezo turabitashye
Dore amashuri turayashinze
Dore amavuriro y'ubuhanga
Dore imihanda izira guhanda
Dore amajyambere yo mu cyaro
No mu buhinzi tugeze heza.
Ubupfura ndata ni na bwo mvano
Y'ubwo bwema n'ubudasumbwa
N'ingabo z'u Rwanda ntizishyikirwa
Ndetse amahanga arazisunga
Ni byo bituzaniye ibikombe.

Ubupfura nsega ndabubabwira
Ni ubu bwanga igihemu cyose
Aho bakureba ndetse n'ahandi
Yaba inda nini no kugambana
Ibyo bigatabwa iteka ryose.
Ni na yo mpamvu ubu Abanyarwanda
Ubupfura bwose tubwitoza
Byo bidutera kugira ijambo
No mu mahanga ijabo ari ryose.
Na rwa rujijo tunajijishwa

N'abava hirya baza iwacu
Ngo dute ibyacu tugane ibyabo
Ngo batujore tubure ijambo
Ubujiji nk'ubwo twarabwanze
Ntibukiganje ijuru ry'iwacu.

Dufite intego ihamije intambwe
Ubupfura bwacu nk'Abanyarwanda
Butumye twanzuranya icyo cyago
Ndavuga cya ruswa k'ikimungu
Ubu mu nkiko ni amahire
No mu muhanda yarahacitse.

Ngwino wime bupfura iwacu
Duce umurava w'ubwomanzi
Ubudehe hose tubuhe impundu
Na mituweli ntitukarembe
Gira inka kandi ugire inzu nziza.
Uwakubwira iby'iri pfundo
Kereka mwicaye ntimucutse,
Ryaduteye kuba intajorwa
Ubupfura bwizihiye ab'iwacu
Nawe rwose nibukurange.

Harashamaje aho turi none
Haraharenze aho tujya kandi
Gutera intambwe imwe ni yo ntego
Mu nyabutatu izira icika
Ntituzatatira icyo gihango.

Ooo!
Bupfura pfundo ry'ubunyarwanda
Ukaba icyatwa cyanga icyangwe
Ko numva umbereye ikindanga
Ukaba ikirango cy'urunyenyeri
Iwacu i Rwanda umurika hose
Uwagutuza umutima wange!
Ngwino shingiro ry'urukundo
Bupfura bwizihira ubutunze
Ngwino uture umutima wange
Ikibi gihunge mporane ikiza
Ikizira cyose kibure icyanzu.
Ngwino pfundo bupfura iwacu
Ngwino usabe n'abato bose
B'uru Rwanda rw'ubu n'ejo
Tube mu rwizihiwe n'abarwo
Urwa Gasabo tukuririmbe.

***MFITUNKUNDA Emmanuel Chrysologue***

## UMUCO W'UBUPFURA URATURANGE

Ngaha ndaje mfura z'i Rwanda
Ndaje nshaka gushira amanga
Ngo mvuge impamvu nteye mpanga
Imivugo myinshi iri mu marenga
Abatazi imvano bikabatonda.

Umwanya nguyu nawubonye
Ijambo ryange ndaribabwira
Mbwire abana mbwire abari
Abasore mwese ari n'abasaza
Ababyeyi namwe mumbe hafi.

Intego yange y'uyu munsi
Y'iyi nganzo izira kuganzwa
Ni iyo kwibutsa buri wese
Indangagaciro izihatse zose
Ubupfura iwacu buhabe inganji.

Mwana w'u Rwanda ibi ntibikwiye
Ko uvugwa iteka mu bidakwiye
Ukavugwa nabi ahantu utuye
Bavuza induru ahantu uciye
Ngo uriya mwana yarabiciye!

Mu bo mubana ukaba igisambo
Ngo aho uri hose ugira amagambo
Abakubonye ngo dore ikirumbo
Mwana w'u Rwanda ibyo ntibikwiye
Ubupfura iwacu buhabe inganji.

Oya, ntibikwiye mfura y'i Rwanda
Kwitwa intumva ahantu hose
Hamwe n'agasuzuguro karenze
Bakugaya iteka ahantu hose
Ubwo si ubupfura bw'i Rwanda

Ariko kandi kugira umwanda
Ibyo ntibikwiye imfura y'i Rwanda
Kwigomeka no kwikunda
Ibyo ntibikwiriye Umunyarwanda
Ubupfura iwacu buhabe inganji.

Abana b'imfura ikibaranga
Babana neza mu rugo iwabo
Bakunda iteka gufasha abandi
Bazira iteka kuba ibigwari
Aho bari hose hahora ituze.

Umwana w'imfura ikimuranga
Ahora iteka afite ubuhanga
Agahora iteka ari ku murongo
Ashaka iteka kuba umuhanga
Ibyo akora byose ntibamunenga.

Igihe cyose ari mu ishuri
Atora neza ibyo yigishwa
Agakora neza imikoro ashinzwe
Akabaza neza aho atumvise
Ubupfura hose buramuranga.

Gukora ibyangwa no kwiyenza
Gusaragurika no kwangiza
Reka gusuzugura n'ironda
Byo gusamara no kudashima
Iteka ryose ahora abirwanya.

Rubyiruko namwe reka mbabwire
Dore iyi si yacu ikeneye inkunga
Kandi zihishe muri twebwe
Nitwirinde ibi bibi byose
Ubupfura iwacu buhabe inganji.

Ishyari mwumva n'umururumba
Ubwo busambo bwo n'ubusinzi
Ubwo busambanyi buca ibintu
Bukameza ubwoba bwa karande
Ingeso z'ubwambuzi n'ubugugu.

Niduhuriza hamwe inama
Tukarwanya n'ibiyobyabwenge
Bityo tuzitwa imfura z'i Rwanda
Abadukuriye ubwo badushime
Kandi Imana izaduhemba.

Inkingi z'ibibi nituzirwanye
Impande zose tubikumire
Intego yacu nk'Abanyarwanda
Ibe kubyamaganira hose
Ubupfura iwacu buhabe inganji.

Barumuna bacu ni twe bareba
Ntitwitware uko bidukwiye
Na bo batore uwo muco wacu
Ubupfura i Rwanda bube umusingi
Abanyamahanga batwigane!

Ubupfura iwacu nibuturange
Dufasha abandi mu bibagoye
Itegeko ryubahwe uko bikwiye
Maze murebe Igihugu cyacu
Ngo kiragwiza imfura ibihumbi.

Namwe babyeyi mwe mutubyara
Mukadutoza uburere bwiza
Mukadutegurira ejo hazaza
Ubupfura bwanyu ni bwo dutora
Nimubuduhundeho uko bikwiye.

Namwe abakambwe muduhe inama
Zitavangura mu Banyarwanda
Zisobetse ubupfura n'urukundo
Nk'uko musanzwe mubidutoza
Munongeremo n'umuhate.

Rubyiruko mwese turabashaka
Dukeneye inama muduhanure
Ubupfura iteka bwabaranze
Mubudusangize tubutore
Tunabutoze abakiri hasi.

Ubupfura iteka buraturange
Mfura z'u Rwanda hirya hino
Impano nziza iruta ubutunzi
Ndetse twazaraga n'ubuvivi
Bakazabutwibukiraho iteka.

Banyarwanda aho muri hose
Bana b'u Rwanda nshuti z'u Rwanda
Mucyo duhuze imbaraga zacu
Umuco w'ubupfura tuwutore
Twubake u Rwanda ruzira urwango.

Ese Munyarwanda ubu wumvise
Izi mpanuro z'uyu munsi
Uri migambi yihe ngo utubwire
Intego yawe kuva aya none
Mu gukwiza ubupfura i Rwanda?

Reka mbe nsubikiye aha ngaha
Ariko tuzongera dusubire
Mbe Munyarwanda ndetse n'abandi
Reka ibitindi umenye ibikwiye
Aho uri hose ibyo ukora byose.

Hano mu Rwanda no mu mahanga
Menya iyi ntego uyigire iyawe
Imihigo yawe ya buri munsi
Ibe gutoza umuco ubikwiye
Ubupfura iwacu buhabe inganji.

***KUBWAYO Léondrie***

# UBUMWE

## DORE UMUHUZA W'ABANYARWANDA

Nteruye intambwe nini mbasanga
Ntera indirimbo mbaha iyi nganzo
Ndavuza impundu mvuga iyi nganji
Nyiva imuzingo nk'umuhanuzi
Ndasaba muntege amatwi mwese.

Reka mbaratire uyu muhuza
Isaro risumbya ayandi ubwiza
Rikaduhuriza hamwe twese
Ndi Umunyarwanda inkingi mwamba
Mumuhe impundu yeme aganze.

Dore ibi byavuzwe n'abahanga
Ndetse ibi byavuzwe n'abaganga
Ko ubumwe bwacu ari we muhuza,
Kuva na kera kwa Gihanga
Ibi bitangaza abo b'imahanga.

Umuhuza wacu mvuga gakondo
Kuva na kera nkitoba akondo
Guhera kare kare mu gitondo
Nkabona byose ari mu rukundo
Ubwo tugahuzwa n'umuco wacu.

Gufatanya twese biraturanga
Dukoresha iteka bwa buhanga
Yewe n'ikoranabuhanga
No mu ruhando mpuzamahanga
Tukahashinga  dushize amanga.

Iryo rero rikaba ibanga
Rihora iteka  rishakishwa
Ibyo bikadutera wa muneza
Tukajyana ishema n'isheja
Ishyaka ry'u Rwanda rikaturanga.

Uzaze urebe hano urugwiro
Tukwakirana n'agaciro
Amahoro byose bikorwa neza
Naho ibyo mu mpampuro muruzi
Bikajya mu ngiro mubireba

Uzaze  twicaye ucinye ijisho
Nk'iyo dukitse uturimo twacu
Tuvuye kubagara no guhinga
Inka zitashye tuziririmba
Ni byinshi cyane bitangaje.

Ibitaramo iwacu uzaze urebe
Urebe intore zivuga imyato
Wumve abana bafite inganzo
Ubumve neza bava imuzingo
Ejo utazitwa ingwizamurongo.

Ndabona abana bagana ishuri
Ndabona n'inka zigana inzuri
Inyoni ngizo ziva mu byari
Ndabona inyambo zo mu Rukari
Ziteye ubwuzu mu bumwe bwazo.

Zabira zose mu majwi meza
Zifite iya mbere yashishoza
Zigahora iteka ari na zo ntyoza
Zigahinduka nk'abatoza
Zigahuza ururimi rwazo.

Ubu turatarama tugasagamba
Abato n'abakuru mu ngamba
Tubyina injyana irimo ikinimba
Tuvuga ibyivugo n'amahamba
Ibyo bikatwongerera kuramba.

Ururimi rwacu rw'Ikinyarwanda
Turuvuga hose no mu mihanda
Rukaduhuza nk'Abanyarwanda
N'iyo duhuriye mu muganda
Usanga twese ntawuganda.

Dore abasaza n'abato babo
Sakwe sakwe mwana wange
Tugasakuzanya ubutitsa
Imigani ngiyo tugaca twese
Ubwo umuco mwiza tukawutora

Muhuza wacu nk'Abanyarwanda
Tukabitora nk'abanyamwuga
Ku bw'ububasha bw'ubumwe bwacu
Ukanaduhuza tukaba ipfundo
Nkwise rukererezabagenzi.

Ibi mwumva mwese bya Mirenge
Ashwi yewe ntibisaba n'ubugenge
Ahubwo bisaba kugira ubwenge
Ugakora ibyiza bizira inenge
Na wa muhanzi yarabihanze.

Ubumwe bwacu bweme hose
Ururimi rwacu ari rwo muhuza
Umuco wacu uzire ikemangwa
Ni byo musingi w'ubumwe bwacu
Ngaboyisonga ikatuba intero.

Ibi bihereye mu mpinja
Bikaba intero no mu bugimbi
Bigasagamba no mu bakambwe
Na bo bakivunira iyo sambwe
Ubumwe bwacu ntibwasumbwa.

Indimi zindi sinzihinde
Tumenye zose zo n'Igihinde
Iz'abaturanyi nk'Ikigande
Igifaransa mvaburayi
Ikinyarwanda kirazirenge.

Ibyo bihangano turirimba
Yemwe mwese munabihimba
Nimubihange mu Kinyarwanda
Mu bumwe bwacu tutabugasha
Bwame iteka buzira icyasha.

Gukura neza uzi ibiva iwanyu
Ukamenya neza za mironko
Erega ntitwijute nk'ibinonko,
Bitazatwangiza mu bwonko
Umuco wacu si uko uteye.

Cyo nimuteke munashishoze
Ndetse mutekereze gitore
Mwese abambariye urugamba
Nimwirinde mutaba ibyohe
Izo mpanuro ni zo mbahaye.

Ntitugatatire umuco wacu
N'ubumwe twarazwe na Gihanga
No muri iri terambere rirambye
Ibyiza byose bibe umusingi
Umuco wacu urabe umuhuza.

Kuyavuga yose ntibyakunda
Itama ryimuriwe akaryoshye
Mureke ncumbikire ahangaha
Tureke twese uyu muco uganze
Ni we muhuza
w'Abanyarwanda.

***IKAMBA Amen Divine***

## IBANGA RITUMYE MPANGA

Nteruye inganzo nka Kanyarwanda
Nserutse nemye nk'Umunyarwanda
Wakuze atozwa ubumwe ndatana
Akaburirimba butamuhana
Ngiryo ibanga ritumye mpanga.

Nanzitse ntumbereye urukundo
Ngo Abanyarwanda dukore ipfundo
Rimwe rizingiyeho umugambi
Umwe w'ingenzi ku Banyarwanda
Ndetse no ku isi muri rusange.

Kanyarwanda ngiri ibanga
Ritumye mpanga ngo uve mu kaga
Na mbere hose tuva kuri umwe
Ivangura riva ku bera
Rireke utuze ugarure injyana.

Erega Rwanda wahoze uganje
Mbere y'uko dutatana
Ngo ubutatu butindi butwagaze
Ndavuga Hutu, Twa na Tutsi
Byimitse umwaga mu Banyarwanda.

Amoko yimura ubumwe i Rwanda
Gusa ntitwabura iyo nkomoko
Nubwo twanyura mu buroko
Ndi Umunyarwanda ni cyo gitero
Ikaba n'inkingi y'Abanyarwanda.

Ibuka u Rwanda rubura impamba
Ikenda na kane amajoro ahanda
Agahinda kacu ubwo ari ko mpamba
Nyuma yo kwamburwa iyo mironko
Nyuma yo kwamagana iya mwamba.

Burya iyo twanga kuba rubanda
Ubumwe bwacu bukabahanda
Ntawari kurara iyo mu mihanda
Na barya bose bo mu mahanga
Ntibari guhunga urwa Gihanga.

Ni na ryo banga ritumye mpanga
Ngahora iteka ndihishe mu nda
Hose iteka ubumwe buganje
Hima iteka isi y'urukundo
Rutuma abeza bakora ipfundo.

Burya urukundo abo rutamwaje
Runabatuza ahazira umuze
Ni ko guhirwa mu byo bahanga
Maze ubutunzi bukabasanga
Maze amahanga agahora ahaza.

Ubumwe iyaba bugumye i Rwanda
Ayo mahanga akanabusanga
U Rwanda rwakomeza iyo kwanda
Rukakira n'abarusanga
Rukanavomera ibiruranga.

Nubwo isi yacu igaba ibihumbi
U Rwanda rwacu rurabiganza
Kuko rubanye mu budatana
Mbese nka za ntoki z'ikiganza
Zihora iteka zikora ikiza.

Ni ukuri winsiga Munyarwanda
Ndi Kanyarwanda mwiza nkawe
Naho naba Kanyamahanga
Ndi umwe nawe nka benimana
Reka duhuze dutunge Imana.

Reka gushaka ibyo bitaramba
Uze dutunge ubumwe nk'imari
Tubane iteka nk'abadatana
Tubane twibaruke uwo mwana
Ukura yizihira ababyeyi.

Ndavuga iterambere rirambye
Ritunga abarishakana umwete
Ni ukuri winsiga mu kirambi
Tuza unsange nguteze yombi
Duhuze ibyiza bya Migambi.

Erega ubwoko ni wo mutwaro
Utuza benshi iyo mu buroko
Ukabatera guta iryo pfundo
Dore ko udindiza abo wabase
Igihe abatunze ubumwe bahaze.

Burya disi ubumwe ndakuka
Ni cyo gishoro cy'abanyabwenge
Kandi urwunguko rurararamba
Ndetse ntubaho nka rubanda
Rubura ipfundo rugata ikamba.

Ngo barashaka amahoro aganje
Bakibuka byinshi habe ik'ingenzi
Bakibuka kwiruka bayashaka
Bakabura kwimika ubumwe hose
Ngo amahoro ahurirane abasanga.

Munyarwanda nge naragenze
Ndeka nkubwire uko byagenze
Aho nagiye nyuza ibirenge
Nasanze nta kigaba ibitwenge
Nko kwibanira nk'utunyange.

Burya utunyange tuzira urwango
Duhora twifitiye ibitwenge
Nubwo twanyura iyo mu twenge
Duhuza intero nk'Abanyarwanda
Ubumwe gakondo y'Abanyarwanda.

Nubwo niyambaje utunyange
Simbihuje ngo nkore imvage
Niba nawe uzi utwo tunyange
Dufite isura y'Abanyarwanda
N'ubumwe bwabo buzira umwanda.

Niba utemeye have unsange
Nkwereke umwero utumye ndutaka
N'ubumwe bwabo buhora bwaka
Nushishoza urabona nkwiye
No kurutaka umuvugo nk'uyu.

Twoye kwangana nk'abatindi
Dutambe Imana iduha kunywana
Bikaba inkomoko y'indero nziza
Itera abatoni guhora batuje
Batetera urwabo rugaba ituze.

Erega ni iteto ry'abatoya!
Dore ko rwuje amashyo y'inyambo
N'ibindi Imana yaruduhanye
Ngo biturinde gutatana
Ngo biduhuze ubumwe buganze.

Iyo ntekereje ku Rwanda
Umubiri wange usa n'uhazwa
Ngashima Imana ituma tuganza
Twanga urwango ndetse n'imanza
Mbese nka za ntoki z'ikiganza.

Munyarwanda shinga uganze
Bika ibanga wuze ituze
Winasuma usanga ubwoko
Dore turi umwe nk'Abanyarwanda
Ndetse duhuje inzira ya muntu.

Reka tubane ubumwe buganze
Burya umubano ni wo mutsindo
Naho gutana ni ko gutsindwa
Bityo si ngombwa gukora imanga
Dore ko Imana yanahasije.

Munyarwanda reka duhuze
Duhoshe ibyago ndetse n'imyambi
Ubumwe bwacu bube umugambi
Ngo n'abahurira ku mugambi
Imana iteka ibahoza ibwami.

Mureke nsubike mu nganzo
Ubumwe ni nde wabuganza?
Gusa ningarukana inganzo
Nzabasange ubumwe buganje
Urwa Gasabo rutekanye.

***HAKIZIMANA Couronne***
***Gloria Patri***

**BUMWE BUTAJORWA**

Nsobetse nsanga ubwiza
Nsobetse nsiga ubumwe
Nsanze ipfundo rikanyaze
Nsanze intwari ibasumba
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Banga rihanganye  ubwenge
Nzira iharuye ibengerana
Taba riteguye neza
Rembo rihanze aheza
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Reka nkurate ubwiza bwawe
Reka mvuge ubutwari bwawe
Reka nshimagize ineza yawe
Reka nterure intero ikurata
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Simbi isotse iteye ubwuzu
Soko idakama y'amahoro
Gihanga gihangara amahane
Buturo bwiza bw'ineza
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Banga rihangara ibihazi
Nzira ica amacakubiri
Gacaca ikemura amahane
Butabera bubereye ababugana
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Uhuza abavandimwe batatanye
Maze bagasubira gusabana
Bagasasa inzobe bagasubirana
Bagashyira imbere isano ibahuza
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Ugira inama abateshutse
Ku nshingano zabo bashinzwe
Ukabasubiza mu nzira nziza
Ibabera ipfundo ry'ibyiza
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Bumwe bwiza butajorwa
Aho uri hariranga
Harangwa ineza n'ibyishimo
Ubupfura n'ubudahemuka
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Hazira inabi mu bantu
Hazira amahane ya hato na hato
Hazira uburyarya
Buryaryata imitima y'abantu
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Uri rudasumbwa muri byose
Uri umuhuza w'abashenguwe imitima
N'amabi bakorewe ndetse
N'abakorewe ayo mahano
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Bagahura bagashyikirana
Bagacoca ibyabaciyemo kabiri
Bagasabana imbabazi bakababarirana
Bagaca iteka ko bitazongera
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Shyitsa umutima hamwe
Ushire impumu ubumwe
Butura imitwaro abarushye
Bukababera akabando k'iminsi
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Akabando kabageza aheza
Akabando kabashyikiriza
Imibereho ishimishije
Ubuzima bugashisha bwumva
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Bumwe bushyira hamwe abantu
Bagahura bakaganira
Bagahuza imbaraga n'amaboko
Imikorere yabo ikaguka cyane
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Bakagura imbibi zabo
Ubushobozi bwabo bukiyongera
Imisaruro ikisukiranya ubutitsa
Iterambere ryabo rigatebuka
Ubumwe iwacu iri ibanga.

Ubuzima bwabashyize hamwe
Burahinduka, bukabengerana
Nka zahabu itoto rigatemba
Mu mubiri ituze rikahataha
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Ahantu hose bumwe uri ingenzi
Mu kazi iyo uhari karihuta
Ubupfura n'ubwangamugayo
Ntibutangwe kuhagera
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Yooo! Dore ngo akazi
Karagenda neza cyane
Abayobozi bagafata neza
Ababagana bakabagezaho ibibagenewe
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Ubufatanye bugatezwa imbere
Kubahana bikaba intego
Gufatanya bikaba indangagaciro
Kudahemuka n'urukundo bikabaranga
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Reka mu mashuri ho urushaho
Uruhare rwawe ruhanga byinshi
Ruhangamura ubujiji
Ubujijuke bugasakara hose
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Reka nkurate urabikwiye
Utuma abanyeshuri bafashanya
Abasobanukiwe bagasangiza
Abandi ubumenyi bafite
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Iyo wahageze ntawutakubona
Ubumenyi bwiyongera ubutitsa
Imitsindire yabo ikazamuka
Bakanoza imikorere yabo neza
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Abahanga mu rwatubyaye
Biyongera ubutitsa hose
Gukora no guhanga udushya
Reka sinakubwira ubu birarimbanyije
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Ubu iterambere rirakataje
Ubudasa bwo busumba ibindi
Abanyamahanga batazi
Ibanga ryacu baratangara
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Nta yindi ntwaro iturinda
Nta yindi ngabo idukingira
Uretse impanuro z'ubumwe
Twarazwe n'urwatubyaye
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Ahiii ahiii ahiii!
Dore ibyishimo dore umunezero
Dore isoko imara inyota
Dore isumo risumira ibyiza
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Nyamuneka nyamuneka
Baturarwanda reka tuyoboke
Uwo mubyeyi adusindagize
Atuyobore mu nzira z'inzitane
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Ubumwe ni ikerekezo kiza
Kituyobora mu nzira z'inzitane
Musigeho kuyoba mutazisama
Mwasandaye mukamera nk'ingata imennye
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Umutwe umwe ntiwigira inama
Tuyoboke ubumwe intajorwa
Umufatanyabikorwa udahenze
Umujyanama uhoraho
Ubumwe iwacu uri ibanga.

Abagiye inama Imana irabasanga
Mureke tuyoboke iyo ntwari
Itara ryacu riduha urumuri rutazima
Indashyikirwa mu gukora ibyiza
Bumwe ganza muri rubanda.

***UKUNDISHYAKA Aline***

# GUKUNDA IGIHUGU

## KUNDA U RWANDA NI CYO GIHANGO

Mbega inganzo imbanye inganji!
Mbega injyana ingize umuhanzi
Mbega u Rwanda rwuje ubwuzu
N'ijuru ryerera abagutuye
Reka ngukunde byo urabikwiye.
Mureke ntere ntanagononwa
Iyi ndirimbo tuyicurange
Maze ubwo inkera tunayikeshe
Reka iyi ntango tunyweho twese
Uru rukundo tururirimbe.
Inyungu zawe mbere y'izange
Amata, ubuki biragutemba
Amahoro hose agahora ahanze
Dore ngukunde kurusha ibindi
Kunda u Rwanda ni cyo gihango.

Rwanda nziza ngobyi iduhetse
Rwanda nziza ngabo y'inganji
Rwanda nkunda rwa Gasabo
Rwanda rwuje umucyo n'isheja
Abagutuye ni twe barinzi.

Gera na kera urore izo ntwari
Umutima nama uzira ubugwari
Mutara umwami ibibi arabyanga
Ruganzu Ndori hose arwana
Tuba ubukombe ku bw'igihango.
Mbega ukuntu barurwanye
Gicuze hose icuraburindi
Maze abo beza bazira inenge
Ibyo bigwari birabatsemba
Ariko izo ntwari ziratabara.
Erega ubundi ngo igira isoko
Kuko ibi byose tubiyikesha
Ndavuga intore izirusha intambwe
Yo yahabaye iyobora abeza
Amashyi n'impundu birayikwiye.
Uru rukundo ni yo gakondo
No mu babyeyi ni cyo kirango
Kuko bo banze kuba ibigwari
Barabutanga ubuzima bwabo
Uru rukundo ruba igihango.

Umuco wacu ni wo uduhuza
Abo bakambwe ndawubakesha
Kuko bo banze ko umuco ucika
Umucyo hose barawucana
Maze urukundo ruba igihango.

Simbabeshya nimubirebe
Ingoro ngiyo aho muri Huye
Ayo mateka uyasome neza
Imihigo yabo yo imaze kweswa
Amahoro ahanze ku bw'igihango.

Dore aho hose ni imisango
Dore ibirunga birahatatse
Ingagi muruzi zirahaganje
Amadovize turayatunze
Dore i Burera ho na Musanze.
Barayacunda ay'ubudateka
Naho Gicumbi yo na Gakenke
Fata Rulindo hirya hino
Ingagi muruzi barazirata
Utazikunda ni nde muzi?

Kigali nziza murwa dukunda
Dore umurava waraguhanze
Uko bukeye ukaba mushyashya
Amazu meza ndetse n'inganda
Imbere heza ni ho dushima.
Korera abawe ndetse n'abandi
Kirehe hose umurage ni umwe
Kugutonesha ni byo dutozwa
Dore i Kayonza ni byo babanza
Igihugu cyacu ni cyo muhuza.

Ibyo dutunze turabikunze
Muhazi ngiyo muri Kayonza
Nyaruka urebe Akanyaru keza
Ugaruke urebe Akagera neza
Gumana nange mu kubikunda
No kubirinda bibe igihango.
Rora ibyo byanya urore amashyamba
Inyoni ngizo zirahatuye
Dore uyu mwuka ndawubikesha
Mureke twese tube abarinzi.
Rutsiro itatse imisozi hose
Ariko kandi ngo igira isoko
Kuko igihumbi ari yo watatswe
Zahabu ngizo turazitunze
Abagutuye ni twe bitunze.

Ikivu cyacu cyuje ubwuzu
Dore abasare baroba neza
Maze ubwo bwaki ikaba igitabwa
Dore ayo mazi ahorana ubwiza
Ingomero ngizo zirahashinze
Tukazirinda ubutaruhuka
Ni cyo gihango twese i Rwanda.

Rwanda rwacu muco w'intore
Ibyo udutoza aho mu muryango
Bibe ubutore no mu batoya
Maze ubutwari bube gakondo.

Mu bikuranga Gihugu cyacu
N'Ikinyarwanda nikiturange
Ruremabintu yaragihimbye
Dore amagambo aruta imitoma
Dore iyi nganzo ndayigikesha.

Ubunyarwanda nibube ipfundo
Maze ayo moko atsindwe atabwe
Na Kanyarwanda yararishimye
Ibyo byo umpimba bisa nk'umwanda
Ruremabintu yanyise neza.
Iry'Umunyarwanda ni ryo rikwiye
Rwanda rwiza rugira Imana
Imanzi hose Imena n'Ingenzi
Rwanda rwiza rwuje abeza
Intwari bene imihigo yeswa.

Muyobozi nawe uyobora abandi
Reka agaciro kagire n'undi
Maze rubanda babone ineza
Y'iyo Leta ari yo mutoza
Wo kurukunda u Rwanda rwacu.

Twarakunze turanashima
Twe mu bakambwe no mu batoya
Abo babyeyi bakora neza
Mbivuge neza izirusha intambwe
Ni iyo ntore ituma dutunga.
Dore umusanzu usanira benshi
Kora umuganda urokore benshi
Ubisakaze n'aho utuye
Maze abasaza ubameze neza,
Umuze rwose uzire mu Rwanda.

Mwenegihugu ni wowe nange
Ibyo dutunze ni iby'u Rwanda
Cyo ubaka hirya ngufashe hino
Mu byo dutunze duheho u Rwanda
Dusore neza dusane byinshi
Umurage mwiza ni uyu nguyu
Wo kururinda amadidane
Maze abarwanira inyungu zabo
Ntibibahira turabahinda
Ni cyo gihango kiduhebuje.

Bana bacu Rwanda rw'ejo
Abo bakambwe n'abanyabwenge
Tuzire inenge duhashye icyasha
Kurukunda urwa Gasabo
Iki gihango kibe nk'impamba.

***MICOMYIZA Clément***

# KUNDWA KIREZI KERA

Rwanda rwiza rwa Gasabo
Rwanda rwiza rwuje ubwema
Rwanda rwiza rw'Abanyarwanda
Mbese uraho Gihugu nkunda?

Kundwa shenge kirezi kera
Kundwa shenge Gihugu kiza
Kundwa shenge horana ibyiza
Kundwa shenge museke ukeye.

Umuco wawe ntugacike
Umuco wawe urambe iteka
Umuco wawe uteke iteka
Mu bana bawe ubabemo ingendo.

Abana namwe abakuru mwese
Rubyiruko mbaraga z'ejo heza
Nimuteteshwe mugire ituze
Muhorane ayera no ku ruhimbi.

Ntamitse nteruye nje kubabwira
Impamvu inteye kugana inganzo
Ari yo gukunda Igihugu cyacu
U Rwanda rwacu ingobyi iduhetse.

Umukuru wese cyangwa umwana
Ubupfura iteka burakurange
Ukunde u Rwanda uruhe agaciro
Ururate hose mu bataruzi.

Kunda u Rwanda rwatubyaye
Kunda u Rwanda rwaduhetse
Dusigasirane agaciro kacu
Ndi Umunyarwanda ibe ishema ryacu.

Dukunde u Rwanda ingobyi iduhetse
Turate impano ikomeye cyane
Rugira butatse ubudashyikirwa
Yaduhaye twe Abanyarwanda.

Reka turate intamati intwari
Ari zo masango aganwa na bose
Zatabarutse ku rugamba
Zivugwe i Rwanda igihugu cyose.

Intwari zahaze ubwo bugingo
Ni iz'urukundo rudakerenswa
Ni ishema ryubaka Umunyarwanda
Nizitubere urugero rwiza.

Hari n'abandi bakora cyane
Bakitanga ijoro n'ibyabo
Bateza imbere urwatubyaye
Bakwiye imbyeyi ndetse n'izayo.

Izo mfura zose turazishimye
Imirimo yazo turayirase
Ibikorwa byazo tubona hose
Ni byo bitwubakira uru Rwanda.

Uri imahanga cyangwa i Rwanda
Ukunde u Rwanda nta kubeshya
Ukunde u Rwanda igihugu cyawe
Igihugu cyawe igihugu cyacu.

Amaraso dusangiye ni yo ntwaro
Ururimi rwacu nirube intero
Dukorere cyane uru ruduhetse.
Mugongo mwungeri utaduhinda

Kunda cyane Igihugu cyawe
Kunda Igihugu ni cyo mubyeyi
N'ishema ryinshi ugihe agaciro
Aho uri hose ukivuge imyato.

Gukunda Igihugu si iyo myaka
Intwaro cyangwa se ubwo butunzi
Gukunda Igihugu ni ubutwari
Ni ishema uterwa n'urukubyara.

Duhuze imbaraga tutiganda.
Intoki mu zindi nk'Abanyarwanda
Duhuze intero ndetse n'ingendo
Ari yo gukunda urwa Gasabo.

Niturukunde u Rwanda rwacu
Ni rwo mubyeyi wacu twese.
Nitururate turuhe impundu
Ni na rwo ndangamirwa amatwara.
Nitururate twese hose
Turuvuge imyato mu bataruzi
Duhe ishema ryinshi
Igihugu cyacu.
Tukigire isonga ndetse n'isimbi.

Umuco twarazwe na Gihanga
Ubumwe umurava byo n'ubutwari
No gukunda Igihugu cyacu,
Nuturange iteka ryose.

Bana b'u Rwanda b'ino n'ab'iyo
Nimurukorere munarukunde
Murwizihire ku isi hose
Ruseruke hose ruhabe indatwa.

Jya ukora neza ako kazi ushinzwe
Ushyizeho umwete ukorere u Rwanda
Twese twese imbaraga zacu
Twubake u Rwanda rwuje ubwema.

Rwanda kundwa n'ingeri zose
Abato n'abakuru bakurate
Ababyeyi bose baguhe impundu
Abana bawe tukuririmbe.

Abakuru bose nibakurate
Batoze kandi n'abato bose
Urukundo ubumwe ubutwari
Gukunda Igihugu bigirwe intego.

Ratwa mbyeyi museke ukeye
Ratwa Rwanda rugori rwera
Ratwa shenge kuko ubikwiye
Ratwa shinjagira gitore.

Izihire abawe Rwanda nziza
Abasizi bose nibakurate
Ibisigo byinshi nibiguhundwe
Rwanda rwegamiwe na benshi

Harirwa imyato ndetse n'inganzo
Harirwa igitinyiro n'imitsindo
Harirwa ibyiza harirwa intsinzi
Tsinda abanzi horana ihirwe.

Horana Imana Rwanda nziza
Horana ubwiza horana ubwema
Dushinge imizi abana bawe
Rwanda nganji kundwa iteka.

Ratwa simbi sugira iteka
Serukirwa hose horana intsinzi
Susurutswa hose horana ihirwe
Hora uri songa nyamibwa iganje.

Kundwa iteka kundwa hose
Ratwa Rwanda unarabikwiye
Shimwa hose ndetse na bose
Kundwa kundwa Gihugu cyacu.

Kundwa Rwanda kirezi kera
Kundwa Rwanda gihugu kiza
Shimwa, ratwa n'ingeri zose
Turwa, tuza horana Imana.

***NIYIGABA Manzi Fabrice***

## GIHUGU KIZA

Gihugu kiza kizira induru
Gira impundu ugire ubukungu
Gira abakobwa ugire abahungu
Bagukunde bakugwe mu nda
Bakurwanire uzire intimba.

Misozi myiza iteretse neza
Murage mwiza utera ineza
Horana ituze ugendwe iteka
Iminsi yawe ihora isa yose
Ibyiza byawe bizire umwotsi.

Nkunda ukuntu uhorana ingamba
N'abagutuye tuzira intimba
Ubumwe udutoza buduha injyana
Buraduhanga tukagutaka
Gukunda Igihugu bikaba ibanze.

Tukuri mu nda reka mbirate
Abanyamurava ubaha umuhate
Urwanya umwanda ugasa uruyange
Ibyiza byawe uhora uturinze
Ibiza byose urabiturinze.

Ndangagaciro uduhatse twese
Rindwa intimba murage mwiza
Ubumwe bwacu buhame iteka
Umwanzi wese abure aho ahera
Intambwe nziza y'ubudatana.

Niduhurize hamwe twese
Bishimangire urwo rukundo
Rukurinda intati zo hanze
N'abagutuye tuzira inenge
Waraduhanze uduha ubugenge.

Nge iyo ndebye mu muco wawe
Nkitegereza izi ngeri zawe
Wagize indangamirwa mu byawe
Zigasigasira indero yawe
Mbona uri impano twe
twahawe.

Abakivuka ubafata neza
Abari mu nda ubwo bagatuza
Hirya hino ubwo bakaramba
Bagahamiriza bakaririmba
Ku bw'umutuzo bagasamaza.

Sugira soko itumara inyota
Gabirwa insinzi uri mudatsindwa
Gira urubanza uharirwe ibanze
Uhorane intwari zigena indatwa
Imanzi zawe zigene iby'ejo.

Rubyiruko muze duhashye inabi
N'uturyarya tumugwe nabi
Kandi twese intego ari imwe
Tuzakurinda ibyo byomanzi
Ubumwe bwacu buce abo banzi.

Abagabo bawe ingabo bahabwa
Abategarugori bayihabwe
Ingimbi abangavu bayitake
Twese ijabiro tugira  ijambo
Na rwo urukundo ruduhe intego.

Urwo tugukunda ni rwo rutindo
Ni rwo gisingizo rusagambe
Rube ikirango k'iyi miryango
Bityo iyi ngamba itureme ingingo
Tube umwe twese nta gihombo.

Ubu igihango cyo mu mihango
Gituma urwango rugurwa intango
Naho ubwo icyungo kikaba impano
Uwo mubano ukabura icyago
Ugasigasirwa mu nteko.

Umurimo twese ukatuba intero
Ingiro nziza iri ku murongo
Umurimo ukunzwe uzira ikemange
Ubwuzuzanye bwo budutahe
Gusumba abandi umuziro nguwo.

Rindwa umuruho wo n'ubutati
Gwiza amahoro n'ingendutsi
Zigaba ibyiza by'ingirakamaro
Maze urubyiruko rube umuganda
Rukore ishyanga rugume i Rwanda.

Burya urya munsi rugero rwazo
Rw'izo ntwari ku rugerero
Zahoshe urya muborogo
Zirema igicaniro ugata ubworo
Byakugaruriye ibyishimo.

Zararurwanye zica amahane
Umwiryane uravumwa  cyane
Abanyamahane babura indonke
Barameneshwa babura ubwenge
Baguma ishyanga aho iyo buteze.

Ingeri z'abantu amagana menshi
Imishanana myiza bikazibera
Zikizihirwa zikuririmba
Inkera zose ugahimbarwa
Zarapfuye tubura ingenzi.

Iyaguka ryawe mu kugukunda
Zaharaniye umuco wawe
Ngo ejo udacika tukaba icyuho
Ubu amashuri bari kuwiga
Ngo urandarande mu Banyarwanda.

Mvuge ubwitange umurimo mwiza
Ubumwe twese bikaba intego
Ishyaka umurava no gushishoza
Byo n'ubumuntu nibiturange
Tubane neza binyure imbyeyi.

Ibuka disi na mbere yabo
Ndavuga aba twita abamayibobo
Baroze ab'icyo gihe mu bwonko
Umunyarwanda akazira icyobo
Ntihabe utinya ku itabaro.

Byaragoranye biratinda
Agaciro kacu kariganza
Turagatsindira karaganje
Ubuyobozi bwiza turabushinga
Ibyagezweho turabirinze.

Nzamera nte yaranyonyobye
Abawe twese turizeye
Ko mu iterambere rirambye
Dufitemo uruhare bitijanwa
Mu bwiyunge n'ubumwe bwacu
Reka ubu twese tuge umuronko
Duhashye ubunebwe duce ubusambo
Ruswa n'ibindi bibe amateka
Iyo mbuto nziza igabirwe twebwe
Rwanda rw'ejo rugira intego.

Rwanda nziza gihugu kiza
Urabikwiye nge ndakurase
Reka nsoze ndetse nashima
Bene iteka ritava i Rwanda
Bo badutoza ibirezi byamye
Batwibaruke imanzi zarwo
Tukaba intyoza tuzira icyangwe.

***BYIRINGIRO Thierry***

## IKINEZA IGIHUGU CYACU

Ngize amahirwe mbafite mwese
Ngize amahirwe kuba mbabonye
Ngo mfate umwanya wo kubabwira
Mbwira mwese uko nabahawe
Ngo ibyo nahawe bibe impanuro.

Muri iyi minsi iyi si dutuye
Ifite byinshi byo kutugora
Aho tugenda n'aho dutuye
Dufite byinshi byaducenga
Mureke rero dufate ingamba.

Kunda Igihugu si amagambo
Dukore iteka bibe umusingi
Ubumwe bwacu bube umuganda
Tugire umwete tunabikunze
Ni byo bineza Igihugu cyacu.

Kujya imahanga nge ndabishima
Kuko amashuri byo arahaganje
Ubumenyi bwiza barabutanga.
Garuka iwanyu uze ube n'iwacu
Ubumenyi bwawe bube umusanzu.

Biranze byanze umutima urandya
Kujya imahanga nge ndabipfobya
Tugume iwacu tunahakunde
Utarora neza ndanamuhata
Nimucyo twese bibe iyo ntego.

Cyane cyane muri rubanda
Rumwe rutura iyo mu mahanga
Nibarukunde Igihugu cyabo
Bahore iteka banarusura
Ni byo bineza Igihugu cyacu.

Nge nasanze ari n'ubugwari
Bwo kudakunda Igihugu cyawe
Ari cyo ukesha ubu bunyarwanda
Ukanagikesha uburere bwiza
N'ubuzima bwiza ari ho ubuvana.

Gukunda Igihugu ndabibatuye!
Ese ako kantu waba ukazi?
Narabibonye si amahimbyo
Igihugu ukunze burya utabeshya
Umugisha uronka uba uruta yose.

None ni nde utumva cyane
Ko kudakunda Igihugu cyawe
Ntanakorere urwamubyaye
Byamutera gusiga inabi
No kuba inganzwa ingabo ziganje.

Inshuti nziza igira urukundo
Inshuti nanga ikagira urwango
Ubwo busembwa buragatsindwa
Nge ndabuhaze buragatabwa
Nshiye iteka rirakaganza!

Imirimo myinshi igihugu cyose
Ab'ubushake ni bake cyane
Ni twe rubyiruko mbaraga zacyo
Mureke rero ibyo tubikunde
Ni byo bineza Igihugu cyacu.

Ubukerarugendo bukorwe hose
Erega twese tumenye u Rwanda
Tumenye ibyiza tunabirinde
Nguwo umurage w'Abanyarwanda
Ni wo dukesha twe uwo Gihanga.

Injiji zose tuzihanure
Tunazikwene ziragatsindwa
Ni zo zitwicira izo nyamaswa
Iyo mu mapariki aho zo zitura
Akagera, Nyungwe no mu Birunga.

Nta gutsikira ku murava
Nta no gutebana umuhate
Ni na byo byiza kuruta ibindi
Ibyo ni byo byiza ku Munyarwanda
Ni byo bineza Igihugu cyacu.

Impinga zose imihana yose
Impande zose aho urababwire
Uhave iteka unarihaciye
Uhave kandi unabibabwiye
Gukora iteka batanajorwa.

Ntawuhejwe inzira iyi ngiyi
Ntawusigaye tugane ishuri
Tugane intero ibe imwe ya twese
Tuvuge cyane tutanabeshya
Tuti: "Dukunde Igihugu cyacu."

Burya nge muzi nkunda cyane
Iyo mbona umwana ukiri mutoya
Uyu umwe mutoya ukiga akenge
Akunze cyane Igihugu cyose
Mvuga ko agenda adusiga cyane.

Ikizira cyose turagihunge
Tunage hirya iyo kiduhunge
Duhungire kure icyo kizinga
Kidutera ipfunwe n'icyasha
Tugitsinde tunagitsemba.

Tubungabunge ibikorwa byacu
Tunabibere beza abahamya
Ndavuga ibyiza tubona twese
Ibikorwa remezo dufite byose
Bisigasiranwe ingoga n'ingamba.

Tunarukunde turube hafi
Tunaruhunde n'uwo musanzu
Wo kubahunga abo babi bose
Bakora nabi banabishaka
Tubibatoze banarukunde.

Nimucyo twese tuge umurava
Tugire umwete uhore uturanga
Tubigire iteka tunabikunze
Tunabisangize Abanyarwanda
Ni byo bineza Igihugu cyacu.

Rubyiruko twese dufate imyambi
Dufite imyambaro y'urugamba
Dufate ingamba tutishishanya
Tugeze aheza h'igihe cyacu
Dukore ibyiza by'ibihe byose.

Rubyiruko mwese nimunyumve
Bayobozi bacu mufashe twese
Urugero rwiza tubone iwanyu
Tugire umurimo ukubije umwete
Imbaraga zose dukore cyane.

Ni ihame ryacu ryo kugikunda
Kugihemukira ni icyaha
Ntawusigaye dufashe twese
Nta gutsikira intero ari imwe
Ni byo bineza Igihugu cyacu.

Tugane imiganda tube abayede
Duhe umusanzu Igihugu cyacu
Abo bayisiba tunabannyege
Tubahe inama yo kubikunda
Tubahanure bakore ibyiza.

Inama nyinshi zo ziratangwa
Rubyiruko mwese ni mwe zireba
Mu masibo twese ntituhatangwe
Ndi Umunyarwanda ibe iyo ntego
Rubyiruko mwese murabe mwumva.

Byaje byaje komeza nawe
Duhore iteka tuzira icyasha
Iyo mvugo yacu ibe ingiro hose
Ubumwe bwacu bube ubukombe
Maze amahanga abitururimbe.

Aho imbere cyane ntidukumirwe
Ab'inyuma namwe muze mwese
Dore igitondo kirasizoye
Ngo tuhashingane ingoga twese
Tuhagwize ubutumwa bweze.

Inzira zose tube dukwiye
Imihana yose twayikase
Tunababwire intego yacu
Yo gukunda urwa Gasabo
Ni byo bineza Igihugu cyacu.

***INSHUTI Bertrand Aristide***

## NAWE BIRAKUREBA

Ngaho Imana impaye impundu
Ngo mpimbarwe mpabye izo mpumu
Mpine izo mpamvu n’impaka ndende
Mvuze izo mpanga mvuze abahanga
Ngabire abarwo kureka induru!

Naje none nge nk’umuhanzi
Ngo nterure nkebure abo barutuye
Ngira nti: “Nawe birakureba”
Gukunda igihugu no kugikorera
Ni bwo butwari mba ndoga data.

Niba mbeshya munyomoze
Kukitangira aho rugoye
Ni bwo bumanzi twe butureba!
Muturarwanda aho uri hose
Kunda Igihugu amahugu uyange.

Uhwanye abagome wange urugomo
Uhorane umuheto ntibarutere
Uhwanye amahano uhane amahane
Uhorane amahoro uyahe n’abandi!
Niba uri umusore w’inkaka.

Cyangwa umwangavu w’ineza
Waba ukiga uri mu mashuri
Waba ushishikaye uyashaka
Waba ugerageza se mu bindi
Gira umurava ukore ibyo ushinzwe.

Kandi urebe n’imbere yawe
Burya ngo urwango rusa n’urwiri
Ni ukurwaka imizi burundu
Ejo rutazonga u Rwanda rwacu
Kandi amaso ruyaduhanze!

Erega nawe birakureba!
Kunda umurimo umuruho uhunge
Wange ubunebwe urubwa rusendwe
Imihana muramye impingo
Impinga n’inka mube abakungu.

Ingoma ibihumbi kwa Gihanga
He no guhumura abahorota!
Rubyiruko twese b’uru Rwanda
Bagina b’ejo ni twe tubwirwa
Niduhagurukire rimwe twese.

Duce amacakubiri burundu
He n’amatage iwacu i Rwanda!
Niturusigasire rudasongwa
Ibitsina byombi byitabire
Guha Gihanga icyo kizere.

Imihigo yacu ibe kuruhuza
Imihogo yivuge kuruhaza
Rushire intimba duce agahinda
Turuhe akabando tunarukande
Tunarusige ngo rusagambe.

Imisozi isumbanye kuba isimbi
Umuseke nusekera umuseso
He n’amataba atagira uko asa
Aturotorere inzozi nziza
Imitima ituze ige mu gituza.

Amata arutembe turumbuke
Rwegutsimbuka ku mitsindo
Kuko nawe birakureba!
Ntwarabugabo bana barwo
Mugire imbyeyi muzihe izazo.

Muzire induru muhoze indaro
Muzire inda nini indahiro ni izo
Munoze inama yo kurutaka
No kurutsindira abarutera!
Yooo! Reka ndotore inzozi narose!

Narose inyange inyana z’inyambo
Ngo mbona amariza ariho avumera
Naho ubwo ayazo avuna imitozo
Nkabona ihirwe ryuje u Rwanda
Nk’abitsamuye mbona twese.

Tuti: “Umuco mwiza ntugasaze.”
Ntituzaguhigwe uwo muneza
Abanyarugwiro abasore bawe
Natwe bashiki babo duseka neza
Maze tukivunagura ingingo.

Umuhamirizo umushayayo
Amashyi agaserukira mu mudiho
Tukuririmba Rwanda yacu!!!
Nyiri impamba iduhembura
Utubera icyatwa kizira icyuho

Ibikorwa byawe bivuga hose
Twanabibera abahamya twese!
Mparirwamihigo hundwa impundu
Ubaye u Rwanda rw’Abanyarwanda
Ubaye u Rwanda ruzira urwango.

Gira abahanzi ugire abarinzi
Gira abahimbyi n’abaririmbyi
Gira amahundo uzire kurumba
Gira urubyaro uzire kuryana
Gira ubumanzi ubugire ibanze.

Natwe abawe tukuri hafi
Intego yacu ni imwe twese
Ni ukugukunda ubutiganda
No kugukorera uko bidukwiye!
Nshuti rungano mwe bakundwa.

Cyo niduserukire ku isonga
Maze dusonzere ubudasumbwa
Twimakaze umuco mwiza
Umwe dutozwa na Rudasumbwa
Ndavuga uvuganira Umunyarwanda.

## UMUSOZO

Inteko y'Umuco ikomeje urugendo rwo gufasha Abanyarwanda aho bari hose gusobanukirwa ko ururimi rwacu kavukire ari umurage utagereranywa bakwiye kwitaho by'umwihariko kuko ari rwo ndangamuntu na ndangamurage by'Umunyarwanda.

Ni muri urwo rwego hateguwe amarushanwa y'ubuhanzi bw'ubwanditsi bw'imivugo mu mashuri yisumbuye agamije kwimakaza Indangagaciro z' Umuco w'u Rwanda.

Kwita ku Kinyarwanda ni ukugikoresha kandi neza. Urubyiruko ntiruzabigeraho rwonyine rudafashijwe n'umuryango mugari w'Abanyarwanda mu nzego zose barimo: abarimu, abanyamakuru, abayobozi, ababyeyi, abakuru b'amatorero y'amadini, abahanzi n'abandi. Buri Munyarwanda akwiye kumva ko ari umurinzi w'igihango dufitanye n'umuco w'u Rwanda, by'umwihariko n'ururimi kavukire rw'Abanyarwanda.

Amagambo dukoresha mu biganiro tugirana n'abandi, mu mivugo ihimbwa, mu bitabo byandikwa, mu makuru ku maradiyo n'amatereviziyo, mu mikino, mu mbwirwaruhame, ku byapa n'amatangazo atandukanye, ni ngombwa ko ireme ry'ururimi ryitabwaho, inyandiko n'amagambo bitangwamo ubutumwa bikaba biri mu rurimi runoze.

Gusigasira no guteza imbere Ikinyarwanda kandi ntibigarukira mu mivugire gusa, ahubwo bishimangirwa no kugihangamo mu ngeri zinyuranye z'ubuvanganzo. Ni ngombwa ko urubyiruko rugira umuco wo guhanga mu rurimi kavukire bityo rukiyungura ubumenyi mu buhanzi bw'ubwanditsi. Inteko y'Umuco itewe ishema no gushishikariza urubyiruko guhanga mu Kinyarwanda binyuze mu marushanwa itegura mu bihe bitandukanye. Ikinyarwanda ni umuyoboro w'ubuhanzi bw'umwimerere w'Abanyarwanda.